# URWEGO RW'IGIHUGU RW'UBUGENZACYAHA

## UMUYOBOZI MUKURU USHINZWE ABAKOZI N'IMARI

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

1. Ubuyobozi bw'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB) buramenyesha abantu bose ko bushaka kugurisha mu cyamunara moto icumi (10) zishaje: Yamaha AG100 GRM 898 B, Yamaha AG100 GRM 471 D, Yamaha AG100 GRM 469 D, Yamaha AG100 GRM 945 C, Yamaha AG100 GRM 457 D, Yamaha AG100 GRM 481 D, Yamaha AG100 GRM 472 D, Yamaha AG100 GRM 512 D, RMC INGENZI GRM 336 D, RMC INGENZI GRM 408 D;

2. Cyamunara izakorwa hashingiwe ku Itegeko N° 50/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite n' Iteka rya Minisitiri w'Intebe No 007/2009 ryo kuwa 01/12/2009 rigena imiterere n'imikorere y'utunama dushinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa.

3. Muri urwo rwego, ibi bikurikira bizakurikizwa:

a. Gusura ibinyabiziga bizakorwa mu minsi y'akazi guhera tariki 02/10/2023 kugeza kuwa 12/10/2023 saa tatu za mu gitondo (9:00 am) kugera saa kumi z'igicamunsi (4:00 PM) ku cyicaro gikuru cya RIB Kimihurura;

b. Abifuza gusura ibyo binyabiziga baza bitwaje indangamuntu bagahamagara umukuru wa *Logistics* kuri 0788311212 kugirango abafashe muri icyo gikorwa; bazajya kandi biyandikisha kuri list y'abasuye;

c. Mu rwego rwo kwirinda ko hari abantu baza mu cyamunara bamara gutsindira ibinyabiziga ntibibishyure bigatuma igikorwa kigamijwe kitagerwaho ku gihe; ibiciro bizemezwa ni iby'upiganwa uzaba yaratanze ingwate ya sheke iriho ikimenyetso cya banki kigaragaza ko izigamiye *(chèque certifié)* ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200,000 Frw) yujuje neza mu mazina y'ikigo cy'imisoro n'amahoro (RRA) *non-fiscal revenue*, iriho umukono wa nyirayo n'itariki yuzurijweho mbere y'uko cyamunara iba;

d. Gutanga ibiciro muri cyamunara bizaba kuwa 13/10/2023, saa tatu za mu gitondo (09:00 AM) ku cyicaro gikuru cya RIB-Kimihurura;

e. Uzegukana ikinyabiziga ni uzaba yatanze igiciro kinini kandi yaranatanze ingwate y'ipiganwa yuzuye ku gihe;

f. Uguze asabwa kwishyura ako kanya igiciro cyemejwe kuri buri kinyabiziga cyaguzwe. Nyuma yo kugaragariza ushinzwe amasoko muri RIB inyemezabwishyu; uwaguze moto asubizwa ingwate;

g. Abapiganwe bose bujuje ibisabwa ariko ntibatsindire ikinyabiziga, basubizwa chèques z'ingwate zabo nyuma y'uko habonetse uwishyura ikinyabiziga apiganira;

h. Uwatsinze ntiyishyure ako kanya azahita yamburwa uburenganzira ku kinyabiziga kandi n'ingwate ye ifatirwe;

i. Uwishyuye amafaranga yose asabwa gutwara icyo yaguze bitarenze iminsi itanu uhereye umunsi yishyuriyeho; atabyubahiriza akazajya yishyura amafaranga angana na 1.5% by'igiciro yatsindiyeho buri munsi umwe w'ubukererwe;

j. Igiciro cyo gushyira ikinyabiziga mu mazina y'uwakiguze kishyurwa n'uwacyegukanye.

Bikorewe i Kigali, ku wa 29/09/2023

**Theoneste SEZIRAHIGA**

Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Abakozi n'Imari